REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO .**

## ICYEMEZO GITEGEKA KWITABA URUKIKO UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA

Urukiko rwisumbuye, rumaze kubona ko TUYIRAMYE David mwene SERUMONDO Ananias na MUKANDUTIYE Jacqueline utuye Akagali ka Kabeza , Umurenge wa Rilima ,Akarere ka Bugesera , Intara y'Iburasirazuba, akaba akurikiranwe nk' uwihishe ubutabera .

Urukiko rushingiye ku ngingo 160 y'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ku byerekeye Ukurikiranywe ry' uwihishe cyangwa watorotse ubutabera , iteganya ko Iyo ukurikiranyweho icyaha atashoboye gufatwa kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera, yaba ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga Ubushinjacyaha bumukorera dosiye bukayishyikiriza Urukiko rubifitiye ububasha n'ubwo yaba atarabajijwe.

Igika cya kabiri cy' iyi ngingo giteganya ko nyuma yo gushyikirizwa dosiye, Urukiko rufata icyemezo kimutegeka kwitaba mu gihe cy'ukwezi, atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko.

**Rumaze** kubona ko ubushinjacyaha bwaregeye urukiko rwisumbuye rwa Gasabo burega TUYIRAMYE David nk' uwatorotse ubutabera aregwa icyaha cyo gusambanya umwana.

**Rutegetse** ko TUYIRAMYE David azitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa 20/04/2022 saa mbili za mu gitondo kuburana mu rubanza RP 00362/2021/TGI/GSBO.

**Rutegetse** ko iki cyemezo gishyirwa ku rubuga rw'ubutegetsi bw'ubucamanza www.judiciary.gov.rw no ku mbuga nkoranyambaga arizo@Rwanda Judiciary(Tweeter)na Supreme court of Rwanda (Facebook)

**NI UKO RUBITEGETSE NONE KUWA 15/03 /2022 .**

URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO

**UMUCAMANZA**

**MUKANTABANA Consolee**

**UMWANDITSI**

**Vital SEBWIZA**